



REPUBULIKA Y'U RWANDA

Gatsibo, kuwa 26/01/2016  
Ref N°Njy 022/07.05.03/09



**INTARA Y'IBURASIRAZUBA  
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE  
AKARERE KA GATSIBO**



**Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba  
RWAMAGANA.**

**Impamvu:** Kubagezaho imyanzuro y'Inama idasanzwe y'inama Njyanama yateranye  
kuwa 22/1/2016.

Madamu Guverineri;

Nejewe no kukwandikira iyi baruwa mbagezaho imyanzuro y'inama idasanzwe y'inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateranye kuwa gatanu tariki ya 22.1.2016 n'ingengo y'imari ivuguruye ya 2015-2016 y'Akarere ka Gatsibo.

Mugire amahoro.

**RUTAYISIRE K. Wilson**


*Handwritten signature and date: 26/1/2016*

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo

**Bimenyeshejwe:**

- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu - **Kigali.**

-Umuyobozi w'Akarere ka **Gatsibo.**



REPUBULIKA Y'U RWANDA

Gatsibo, kuwa 26/01/2015  
Ref N°Njy 022./07.05.03/09



**INTARA Y'IBURASIRAZUBA  
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE  
AKARERE KA GATSIBO**



**Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba  
RWAMAGANA.**

**Impamvu:** Kubagezaho imyanzuro y'Inama idasanzwe y'inama Njyanama yateranye kuwa 22/1/2016.

Madamu Guverineri;

Nejewe no kukwandikira iyi baruwa mbagezaho imyanzuro y'inama idasanzwe y'inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateranye kuwa gatanu tariki ya 22.1.2016 n'ingengo y'imari ivuguruye ya 2015-2016 y'Akarere ka Gatsibo.

Mugire amahoro.

**RUTAYISIRE K. Wilson**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo

**Bimenyeshejwe:**

- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu - **Kigali.**

-Umuyobozi w'Akarere ka **Gatsibo.**

*[Handwritten signature]*  
26/01/2016



**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE  
KA GATSIBO YATERANYE KUWA GATANU TARIKI YA 22/01/2016**

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa gatanu tariki ya 22/01/2016, iyobowe n'Umuyobozi wayo Bwana RUTAYISIRE K. Wilson.

Inama yatangiye imirimo yayo saa tatu n'iminota mirongo ine n'itanu (9H45), yitabiriwe n'Abajyanama 24 kuri 25 bayigize;

Inama y'Inama Njyanama idasanzwe yitabiriwe kandi n'abakozi ku rwego rw'Akarere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa n'Abayobozi b'Inama Njyanama z'Imirenge yose igize Akarere ka Gatsibo.

**Ku murongo w'ibygwa hari hateganyijwe ingingo zikurikira:**

1. Kwakira iyegura ry'Umujyanama NZAYISENGA Gilbert;
2. Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere 2015-2016, na gahunda y'imitangire y'amasoko ivuguruye 2015-2016;
3. Kwemeza igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Ngarama
4. Kugezwaho raporo kw'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere 2015-2016.

**1. KWAKIRA IYEGURA RY'UMUJYANAMA NZAYISENGA GILBERT;**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku Bajyanama ibikubiye mu ibaruwa yo kuwa 20/01/2016, Umujyanama NZAYISENGA Gilbert yamwandikiye amumenyesha iyegura rye mu mwanya w'Umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere, kubera ko yahawe akazi by'agateganyo mu Karere na kopi y'ibaruwa N° 007/07.05.03.01/HRM Umuyobozi w'Akarere yandikiye NZAYISENGA Gilbert amushyira mu mwanya w'akazi mu Karere by'agateganyo;

**1.1** Inama Njyanama ishingiyeye ku gaka ka 8 k'ingingo ya 17 y' Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11 Nzeri 2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitetekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, yasanze nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo nta mpamvu yashyigikira icyifuzo cy'Umujyanama NZAYISENGA Gilbert cyo kwegura mu Nama Njyanama ishigaje icyumweru kimwe gusa ngo isoze manda yayo ya 2011-2015;

**1.2** Inama Njyanama, mu bwumvikane busesuye, yemeje ko ubwegure bw' Umujyanama NZAYISENGA Gilbert itabwakiriye, kandi ko akurikirana nk'Umujyanama imirimo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama, ari nayo ya nyuma muri manda ya 2011-2015

**2. KWEMEZA INGENGO Y'IMARI IVUGURUYE Y'AKARERE 2015-2016, NA GAHUNDA Y'IMITANGIRE Y'AMASOKO IVUGUYE 2015-2016;**

**2.1** Inama Njyanama imaze kumva ibisobanuro byatanzwe na Perezida wa Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu ku ngingo zashingiweho havugururwa ingengo y'imari y'Akarere, yemeje ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gatsibo 2015-2016 ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari cumi n'ebiri, miliyoni magana atanu mirongo cyenda n'enyeye, ibihumbi magana inani mirongo inani na bibiri na magana inani mirongo itanu n'atandatu, **(12,594,882,856 Frw)** igabanyije ku buryo bukurikira:

- 01.** Bloc Grant : **1,612,784,293 Frw;** **02.** Earmarked Transfers: **8,648,076,624 Frw;**  
**03.** Own Revenues : **715,164,296 Frw;** **04.** Transfers from other GoR Agencies : **276,350,093 Frw;** **05.** External Grants : **1,011,365,989 Frw;**  
**06.** Closing balance as 30/06/2015 : **331,141,561 Frw.**


**2.2** Inama Njyanama imaze kumva ibisobanuro byatanzwe na Procurement Officer w'Akarere kuri gahunda ivuguruye y'imitangire y'amasoko mu Karere, wagaragaje imishinga yari iteganyijwe mu ngengo y'imari igakurwamo kubera impamvu zifatika ndetse n'imishinga mishya yinjijwe mu ngengo y'imari ivuguruye 2015-2016; yemeje ku bwumvikane busesuye gahunda ivuguruye y'itangwa ry'amasoko mu Karere mu mwaka w'ingengo y'imari 2015-2016;

**2.3** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kubanza gukosora amakosa yagaragajwe n'Abajyanama ku birebana n'inyito zigomba guhuzwa n'iziri mu ngengo y'imari ivuguruye, mbere yo kugeza Procurement Plan ku nzego bireba.

**2.4** Inama Njyanama yemeje icyemezo cy'Inama Njyanama N° 083/07.05.03/09 cyo kuwa 22/01/2016 cyemeza ingengo y'imari y'Akarere ka Gatsibo 2015-2016 ivuguruye, gisimbura icyemezo cy'Inama Njyanama N° 056/07.05.03/09 cyo kuwa 30/06/2015;

**3. KWEMEZA IGISHUSHANYO MBONERA CY'UMUJYI WA NGARAMA**

Inama Njyanama yagejejweho n'Umuyobozi wa One Stop Center mu Karere umushinga w'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Ngarama nkuko cyateguwe na V.CO Ltd, maze imaze kucyunguranaho ibitekerezo ifata imyanzuro ikurikira:



3.1 Inama Njyanama yemeje ku bwumvikane busesuye, igishushanyo mbonera cy'umuji wa Ngarama ugizwe n'Imirenge, Utugari n'Imidugudu ku buryo bugaragazwa n'imbonerahamwe ikutikira:

Sector	Cellule	Village	Area of village(Sqm)
Gatsibo	Nyabicwamba	Gatungo	74.84
Gatsibo	Nyabicwamba	Rutovu	108.00
<b>Sector Total area</b>			<b>182.84</b>
Ngarama	Bugamba	Akagerero	171.00
Ngarama	Bugamba	Kajevuba	103.00
Ngarama	Bugamba	Kinyinya	113.08
Ngarama	Ngarama	Amahoro	40.60
Ngarama	Ngarama	Gatungo	65.13
Ngarama	Ngarama	Ibare	15.52
Ngarama	Ngarama	Intsinzi	59.83
Ngarama	Ngarama	Kabeho	261.55
Ngarama	Ngarama	Kiyovu	109.22
Ngarama	Ngarama	Rugarama	90.82
Ngarama	Ngarama	Urukundo	18.89
Ngarama	Nyarubungo	Burambira	143.15
Ngarama	Nyarubungo	Kintarama	118.73
Ngarama	Nyarubungo	Murama	86.04
Ngarama	Nyarubungo	Rugarama	114.69
Ngarama	Nyarubungo	Ruhengeri	131.51
Ngarama	Nyarubungo	Rutovu	131.64
Ngarama	Nyarubungo	Rwiri	119.26
<b>Sector Total area</b>			<b>1893.67</b>
Nyagihanga	Gitinda	Gatungo	54.63
Nyagihanga	Gitinda	Isangano	43.97
<b>Sector Total area</b>			<b>98.60</b>
<b>Total area</b>			<b>2227</b>

**3.2** Inama Njyanama yasabye Abayobozi mu nzego z'ibanze bakorera mu Murenge wa Ngarama kurushaho gusobanurira abaturage bawutuye ibyiza byo kugira igishushanyo mbonera cy'umujyi hagamijwe kubamara impungenge baterwa n'imisoro ku bukode bw'ubutaka.

#### **4. KUGEZWAHO RAPORO KW'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO**

##### **Y'AKARERE 2015-2016**

Umuyobozi w'Akarere mu ncamake ya raporo yagaragarije Inama Njyanama aho imihigo yahizwe n'Akarere mu mwaka w'ingengo y'imari 2015-2016 igeze ishyirwa mu bikorwa ndetse n'ingengo y'imari iyiteganyirijwe ku buryo bukurikira:

Inkingi	Umubare w'Imihigo	Imihigo iri mu ibara ry'icyatsi	Imihigo iri mu ibara ry'icyatsi	Imihigo iri mu ibara ry'icyatsi	Amafaranga ateganyijwe mu ngengo y'imari ivuguruye
Ubukungu	59	19	6	14	7,153,142,828 Frw
Imibereho myiza	19	10	4	5	2,377,654,513 Frw
Imiyoborere myiza n'ubutabera	12	7	5	0	486,977,656 Frw
<b>IGITERANYO</b>	<b>70</b>	<b>36</b>	<b>15</b>	<b>19</b>	<b>10,029,279,997 Frw</b>

Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo kuri raporo yatanzwe no kumarwa impungenge ku mishinga imwe n'imwe igaragaza ubukererwe yafashe imyanzuro ikurikira:

**4.1** Inama Njyanama yakiriye raporo yashyikirijwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere ka Gatsibo y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2015-2016;

**4.2** Inama Njyanama ishingiyeye ku mpungenge zagaragajwe n'Abajyanama ku bukererwe bw'inyubako (Agakiriro n'Ikigo Nderabuzima cya Ngarama yasabye Komite Nyobozi kugenzura neza itangwa ry'amasoko hirindwa guha Rwiyemezamirimo udafite ubushobozi buhagije isoko rirenze rimwe mu Karere;

**4.3** Inama Njyanama ishingiyeye ku bibazo by'abaturage bayigejejeho bagaragaza uburyo bambuwe na Rwiyemezamirimo watsindiye isoko ryo kubaka Ikigo Nderabuzima cya Ngarama nyuma yo gukorana nawe amasezerano bakamuha bimwe mu bikoreho yari akeneye, yasabye Komite Nyobozi kujya ikurikiranira hafi ba Rwiyemezamirimo

hagamijwe kureba ko bishyura neza abaturage babaha serivisi ndetse nuko bahemba abakozi bakoresha mu mishinga y'Akarere.


Umwanditsi w'inama



YANKURIJE Marie Goretti

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'inama



RUTAYISIRE K. Wilson

Umuyobozi w'Inama Njyanama

ABAJYANAMA KU RWEGO RW'AKARERE BITABIRIYE INAMA IDASANZWE  
Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO YATERANYE KUWA GATANU  
TARIKI YA 22.01.2016.

N0	AMAZINA	UMURENGE	ISAHA	UMUKONO
1	BASABOSE Tharcisse	GASANGE	8h 30'	<i>[Signature]</i>
2	BIZIMANA Léonidas	KAGEYO	8h 30'	<i>[Signature]</i>
3	GASANA Richard	KIRAMURUZI	8h 40'	<i>[Signature]</i>
4	KAPITENI Athar Eleazar	KIZIGURO	8h 40'	<i>[Signature]</i>
5	KAMONDO Gaëtan	MUHURA	8h 30'	<i>[Signature]</i>
6	KAYITESI Zayinabu	RUGARAMA	8h 30'	<i>[Signature]</i>
7	MANZI Theogene	NYAGIHANGA	8h 30'	<i>[Signature]</i>
8	MANISHIMWE Gilbert	GITOKI	8h 30'	<i>[Signature]</i>
9	MBABAZI Oliver	KABARORE	8h 30'	<i>[Signature]</i>
10	MUKAMANA Clémentine	NGARAMA	8h 30'	<i>[Signature]</i>
11	MUKANDEKEZI Astérie	KAGEYO	8h 30'	<i>[Signature]</i>
12	MUTABUZA Benon	KABARORE	8h 30'	<i>[Signature]</i>
3	NDAHAYO Pascal	REMERA	8h 30'	<i>[Signature]</i>
14	NIYOMUGABO Romalis	KIRAMURUZI	8h 30'	<i>[Signature]</i>
15	NKURANYABAHIZI Eugène	GATSIBO	8h 30'	<i>[Signature]</i>
16	NZAYISENGA Gilbert <i>NZAYISENGA Gilbert</i>	MURAMBI <i>MURAMBI</i>	8h 30'	<i>[Signature]</i>
17	RUKUNDO Emmanuel	KABARORE	8h 30'	<i>[Signature]</i>
18	RUTAYISIRE K. Wilson	RWIMBOGO	8h 40'	<i>[Signature]</i> 22/01/2016
19	UFITENYINA Philotee	NYAGIHANGA	8h 30'	<i>[Signature]</i>

*[Handwritten signature and stamp]*



20	SEKANYANGE Jean Léonard	KIRAMURUZI	9/11/15	<del>Signature</del>
21	SABITI Hosea	KABARORE	07/11/18	<del>Signature</del>
22	UWERA Espérance	REMERA		<del>Signature</del>
23	YANKURIJE Marie Goretti	NGARAMA	9/11/15	<del>Signature</del>
24	UWIMPUHWE Esperance	KIRAMURUZI	8/11/18	<del>Signature</del>

